UNIVERSITY of RWANDA

OFFICE OF THE DEPUTY VICE CHANCELLOR FOR FINANCE

Kigali,...04...../...08.../2022
REF: DVC-FIN/.0303../2022

**ITANGAZO RYO KUGURISHA MURI CYAMUNARA IMODOKA ZISHAJE Z' UBWOKO BUTANDUKANYE ZA KAMINUZA Y'U RWANDA (UR)**

Kaminuza y'u Rwanda (UR) iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ishaka kugurisha mu cyamunara ibinyabiziga (imodoka na moto) bishaje by'ubwoko butandukanye hakurikijwe amabwiriza akurikira:

1. Cyamunara izakorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga rya sisiteme isanzwe ikoreshwa mu masoko ya Leta (E-Procurement system) hifashijijwe urubuga rwa: "www.umucyo.gov.rw" unyuze ahanditse **Disposal.**

2. Uwifuza gupiganira cyamunara arasabwa kubanza gutanga ingwate ihwanye n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu ku modoka na macumyabiri kuri moto (frw 300.000 ku modoka na frw 20,000 kuri moto) akoresheje sheki (cheque certifié) yanditseho Kaminuza y' u Rwanda (UR) kuri konti n° 1000025921/ BNR (UR Internal Revenue) izashyikirizwa ushinzwe amasoko muri Kaminuza y' u Rwanda ku cyicaro gikuru i gikondo (5th floor Procurement Office) mbere y'uko cyamunara ifunguka. Utazatanga iyo ngwate, ipiganwa rye rizaba ribaye impfabusa. Amafaranga y'ingwate niyo uwegukanye ikinyabiziga aheraho yishyura. Ufite igiciro kiri hejuru iyo adatwaye ikinyabiziga yatsindiye ntasubizwa ingwate yatanze. Muri icyo gihe ukurikiyeho mu kugira igiciro kiri hejuru niwe wegukana icyapiganiwe nawe akarebwa n'ibikubiye muri iri tangazo.

3. Cyamunara izakorwa hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 007/2009 ryo kuwa 01/12/2009 rigena imiterere n'imikorere y'utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa, uguranwa, utangirwa ubuntu cyangwa uvanwaho kandi ibi bikurikira bizakurikizwa:

   a) Uzegukana ibyoya piganiye ni umuntu uzaba yatanze amafaranga menshi kurusha abanda;

   b) Uzegukana umutungo, agomba kwishyura 10% by'agaciro katsindiweho akimara kumenyeshwa ko yawutsindiye, kuri konti No **1000025921** ya Kaminuza y' u Rwanda iri muri **Bank Nkuru y'u Rwanda (BNR)** mu izina rya **UR Internal Revenue**. Amafaranga asigaye 90% akayishyura mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Nyuma uwishyuye ahabwa icyemezo cy'uko yatsindiye uwo mutungo mu cyamunara;

c) Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara ibyo yaguze bitarenze iminsi cumi n' itanu (15) amaze kwishyura, utazabyubahiriza akazajya yishyura amande y'ubukererwe nk' uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri ryavuzwe hejuru;

d) Uzatsindira umutungoak amara iminsi cumi n'itanu (15 days) atarishyura 90% by'amafaranga asigaye, ubugure bwe buzahita buta agaciro, kandi 10% yatanzwe mbere ntazayasubizwa.

4. Gusura ibi binyabiziga bizabera kuri buri shami rya Kaminuza aho ibinyabiziga biherereye nk'uko bigaragara mu imbonerahamwe ikurikira. Gusura bikorwa mu minsi n'amasaha y'akazi kuva tariki ya **17 kugeza ku ya 26 Kanama, 2022**.

Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara kuri izi nomero z'abakozi bashinzwe gucunga imitungo ya Kaminuza y'u Rwanda mu amashami atandukanye cyangwa se bakaba bakwifashisha aderesi email biri mu mbonerahamwe ikurikira:

| No | AMAZINA | ISHAMI | NIMERO YA TELEFONI | ADERESI EMAIL |
|---|---|---|---|---|
| 1 | NSANZIMANA Cassien | BUSOGO | 0788767771 | Assets.services.busogo@gmail.com |
| 2 | SHYIRAMBERE Willy Dieudonne | RUKARA | 0783732726 | assetsrukara@gmail.com |
| 3 | HATEGEKIMANA Christian | NYAGATARE | 0788675771 | assets.services.nyagatare@gmail.com |
| 4 | NSENGIYUMVA Juvenal | HUYE | 0783050693 | assets.serviceshuye@gmail.com |
| 5 | HAKIZIMANA Gaetan | NYARUGENGE | 0788256556 | assets.servicesnyarugenge@gmail.com |

Murakoze,

**Françoise Kayitare Tengera**
**Umuyobozi Mukuru Wungirijwe Ushinzwe Imari**

UNIVERSITY OF RWANDA - UR
REPUBULIKA Y'U RWANDA